K0151695

| | |
|---|---|
| ***IDENTIFICATION*** | ***: C. 9/10/12/93 0146*** |
| ***DURÉE*** | ***: 60 Min*** |
| ***QUALITE*** | ***: Bonne*** |
| ***TRANSMISSION*** | ***: Radio- RTLM*** |
| ***NOM DU TRANSCRIPTEUR*** | ***: UWIMANA Rosine*** |
| ***DATE DE TRANSCRIPTION*** | ***: Le 12/05/2000*** |
| ***NOM DU FICHIER*** | ***: RTLM 0146.*** |
| ***DICTAPHONE*** | ***: S/N°516567*** |

***FACE A.***

Orateur: KANTANO.

Saa yine n'iminota mirongo ine n'itanu ni byo, ni ukuvuga ko saa tanu zibura iminota cumi n'itanu. Radio yanyu rero RTLM ibagezaho ubutumwa bwanyu mu kanya... Mu kanya twarimo duhamagara abantu batsinze ikizame ariko ikizame (examen) cya COOPET ari bo UWAMUGIRA Marie Josée, GASORE Bonaventure eee MUREKATETE Assumpta, NDAYAMBAJE Jean Baptiste, MUSHIMIYIMANA Charlotte ariko rero mvuge naho ba.... babarizwa kugira ngo biyumve neza akazi karabuze ejo bataza... kubera ko babatumyeho abantu bo muri COOPET ejo batazabura akazi bakavuga ngo ni RTLM.

UWAMUGIRA rero Marie Josée abarizwa kwa Mu... kwa MUNYAKARAMBI Charles wo muri Micomart. Eee... GASORE Bonaventure nawe watsinze ikizame abarizwa... abarizwa kwa MUKASINE Jacqueline wo muri Caisse sociale du Rwanda. MUREKATETE Assumpta abarizwa kwa MUNYANEZA Samuel wo muri Minagri. NDAYAMBAJE Jean Baptiste asa... abarizwa kwa NSANZUMUKIZA Edmond, MUSHIMIYIMANA Charlotte abarizwa muri home des soeurs y'i Nyamirambo. Abo rero COOPET irabashaka uyu munsi saa kumi n'imwe kugira ngo bajye guta... bajye ku hehe... bajye gukora icyo bita "interview de séléction finale" hein. Ni ukumenya kuvuga neza hanyuma rero umuntu akamenya humm.

Abantu rero baranatwandikira, abantu baranatwandikira. Hari abakunzi bacu hari batwandikira bavuga.... banenga ibyo twa..twavuze ibyo ni byo, ibyo ni byo nta... ni byo. Nk'ubu mu kanya hari umuntu duhuye mu muhanda arankurikira cyane aravuga ngo: "Ye ngo KANTANO ngo kuki ngo urengera MRND ngo ni iki? Ibyo rero ndakeka yuko ntabwo ari byo. Icyanzanye hano ntabwo ari ukurengera MRND. MRND ifite ishyaka MRND rifite abakuru baryo, rifite abantu barirengera ku buryo buhagije. Nta cyo rero ndi... nta... ntacyo ndirengeraho. Icyo gusa ntemera ni biriya byose Inkotanyi zivuga cyangwa zikora zikavuga ngo ni MRND. Bagatega ibisasu i Taba ngo ni MRND, ngo ko bakubise Interahamwe zaho, ngo ni Silas ngo wateze bya grenade. Eee umugabo Silas witonda uzwi n'abantu bose, utazwiho ubugome bumeze gutyo. Eee... ni biriya byo kuvuga muri

Kidaho muri Nkumba, muri Nyamugari ngo ni MRND yiyicira abayoboke kugira ngo igire abayoboke benshi. Ni biriya byo muri Komini Mutura abantu bavuga ngo ni ikinamico rya MRND. Ibyo ntabwo nshobora kubyemera kandi n'irindi shyaka ryose babishyiraho ntabwo nabyemera, ntabwo nabyemera birumvikana. Ibyo ngibyo rero ntaho bihuriye no kurwana ku ishyaka kuko mbona ari ugukina ku mubyimba abantu baba batakaje ababo. Ni ugukina ku mubyimba ishyaka ryo si na ngombwa, ishyaka se ni iki? Ishyaka rigizwe n'abantu. Ni ugukina abantu ku mubyimba gusa. Kuko nk'umwana se w'uruhinja baba bamwica ngo ari muri irihe shyaka? Hari ubwo aba azihitiramo irindi. Ahubwo abica abo bantu biyicira n'abayoboke batabizi. Hari ubwo umuntu ashobora guhindura ishyaka. Muri MRND se ni ngombwa ko umuntu aba ahazirikiye? Mu rindi shyaka se muri MDR ubu se ntabari muri MDR baje muri MRND cyangwa se bagiye mu yandi mashyaka? Muri PL se muri iki?

............................3.5.

Kwica umuntu ngo ari mu ishyaka gusa ndetse habamo ubugome buteye ubwoba kuko iryo shyaka ashobora kurivamo akaba n'umuyoboke w'irindi. Ubwo se uba umuhoye iki? Njye mbona ari ikire... i... ikiremwamuntu naho kubyitirira ishyaka n'iki ndakeka yuko, uko ni ugushinyagurira kw'Abanyapolitiki n'abandi bantu ntazi uko baremye mu bwenge bwabo. Ntabwo rero ndi umu... wa mugabo we wankurikiraniye ubusa ntabwo ndengera MRND. Ndarengera abantu gusa, bomeka ibintu ku ishyaka bagira ngo gusa bakine abandi ku mubyimba nta kindi. Hanyuma rero abantu na none baratwandikira batubwira bati hari umuntu utwandikiye rwose atubwira ati mwigeze kuvuga ku mugabo RWUBATSE Andereya ukorera Inkotanyi akaba yari umukozi wa Perefegitura ya Byumba, mwavuze no ku witwa NKABURA Jean utuye muri Segiteri Rugarama komini Ki... Komini Kidaho mu Ruhengeri. RWUBATSE uwo atuye muri Segiteri Butete muri Kidaho mu Ruhengeri burya rero ee.. Burya rero ndakeka ko abwira abantu bazi aho ngaho muri iyo komine... Nasanze ari benshi ino kandi bumva Radio RTLM sinabura na none kubabwira ibyo bintu. Burya rero NKABURA ni bamwana wa RWUBATSE kuko umuhungu we, umuhungu wa NKABURA witwa eee... Sous Lieutenant NIYONSENGA Pascal yarongoye umukobwa wa RWUBATSE witwa UWAMARIYA Consolée. Ubwo a... akaba aba muri Camp MUKAMIRA. Ee... ati baramutse rero

bagize uruhare mu gutunga agatoke ntawabihakana, ntawashindikanya ko NKABURA ee ngo yari asanzwe azirana na KANYAMIBWA ngo amusumbya amafaranga. Ngo kuri Nyakwigendera KANYAMIHIGO Callixte aturanye na HAKIZIMANA Eric, wamurwanyaga cyane ngo ari muri MRND. Uwo HAKIZIMANA akaba ri we Insipegiteri wa segiteri ee... primaire Kidaho.

Eee ngo rero ngo atunze agatoki ntacyo ngo kuko eee... Ubwo rero noneho arongeye aravuze ati ee hinga mburire RTLM, hinga mburire RTLM ati kuko hari abantu bavuga ngo mwanga Abatutsi, ati ubwo rero hari Abatutsi ati numvise ko bazabagirira nabi. Ariko se umva, abantu bajye bareka gukabya! Abatutsi, bose si abagome harimo abagome. Mu Bahutu, Abahutu bose si beza harimo abagome. Mu moko, mu Batwa Abatwa bose si beza .. mbese mu moko yose yo mu Rwanda mu bantu bose abantu ni abantu. Ariko se nk'umuntu wishyizemo ko RTLM yanga Abatutsi we ni umuntu ki? Umututsi se, (arasetse) ninde se mbese u...wanga Abatutsi gute? Umututsi se umwanga ngo yagize ate? Wabona Umututsi gusa yigendera ngo afite izuru ryiza ngo ni muremure ngo ni iki? Ngo ngo ibyo bintu ngo urabimuhoye? Niba afite izuru ryiza rishongoje rito nawe ufite iryawe rinini riguha umuyaga uhagije ugahumeka ibihaha byawe bigahehera... Ibyo se wabimwangira kuki ko muba mutariremye.

....................7.0.

Radio RTLM ntabwo yanga Abatutsi ntacyo bapfa ntibagaburira, nti... nti ntibagaburira ntibayigaburira baragenda cyangwa se muri RTLM uwanga Abatutsi ni nde? Ni KANTANO se? Mbanga se Abatutsi se hari uwo naraye iwe? Hari uwangaburiye? Hari uwo se nagaburiye? Hari....ko ba... bagahita, ngahita? Hein? Nihitira hariya mu isoko muri quartier Mateus ugasanga bubatse urugo bagize gute... (Arasetse) None se nshobora kuvuga ibitabashimishije, birashoboka. Nshobora kuvuga ngo Inkotanyi n'iki bo ko bumva zishaka kubageza ku butegetsi ibyo ni ibyabo. Ariko rero Inkotanyi ntizakora amarorerwa ngo ne kuzivuga ngo kugira ngo Abatutsi ngo tudatongana n'iki. Ntabwo bishoboka! Abahutu ntibakora amarorerwa ngo noye kubivuga ngo ntatongana n'Abahutu. Abantu bose babi bagomba kwamaganwa. Kuko isi igizwe n'abantu babi, u Rwanda rugizwe n'abantu babi ubwoko bwose baba baturutsemo rwaba rubi. Hanyuma ariko uwo mugabo aratubwira ati hinga mbaburire kuko ntihabura umuntu wa...warwaye mu mutwe uza akabamerera nabi ati ni

mwabona plaque AB 8589 ije kuri Radio RTLM mugomba kwi... kwitegereza neza. Ahaa.. Iyo radiyo... nako iyo modoka AB 8589 uretse ko nta na parikingi hano dufite, ee... nta parikingi dufite rero ntazayizane aho. Ati iyo modoka rero y'umugabo witwa KABAGEMA, ati ubu KABAGEMA yigeze kujya muri mitingi ya Rukokoma na Agata yabereye i Nyanza igihe bari muri animation atakaza imbunda y'ubwoko bwa pistolet. Nyuma abajandarume baramufata bamufungira i Nyanza mu minsi mike, bamuvana i Nyanza bamufungira i Gitarama huum! Ati ubwo iyo mbunda yari ayitunze ku buryo butemewe. Yafunzwe igihe kitarenze ukwezi eee kuko mushiki we yamushakiye ibya ngombwa byayo kugira ngo abyerekane bamufungure none yarabibonye huum. Ikibazo.
Kuki yarinze gufungwa akarinda gufungurwa atarabyerekana? Iyo mbunda iramutse ikoze amarorerwa byakwitirirwa nde? Hum? Ahaa.. Ibyo rero ngo kuki abategetsi b'ingabo babona ibintu nk'ibyo bakicecekera? Ubwo rero ngo ibyo bintu ni ibyo kwamaganwa sinon u Rwanda bararugwizamo Inkotanyi dore ko basigaye babita abagizi na... abagizi ba nabi kandi ibintu bikomeye.

......................9.8.

Turashimira umuntu watwandikiye iyi barwa ndakeka yuko ibyo yanditsemo ari byo. Ubwo rero wakoze kutuburira, wakoze kutugira inama. Ariko rero ndakeka yuko ntawe uzashyuha umutwe ntawe uzasara ngo ageze aho kuza kutubuza amahoro ngo twanga Abatutsi ngo twanga Inkotanyi ngo twanga MDR, ngo twanga CDR, ngo twanga MRND ngo twanga ibintu byose reka da! Ahubwo ibintu byose tugenda ducamburamo ukuri kugomba kubwirwa Abanyarwanda nta kindi, nta kindi tugamije. Naho ibyo twanga n'ibyo dukunda ibyo ni ibyo mu mutima wacu.
Mukomeje kwumva Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali. Mu minota itanu biraba ari saa tanu muri studio zacu. Ariko rero turakomezanya tugeze saa sita hinga tube turuhuka gato twumva uyu muziki.
(Musique 1sec)
Bob Marley ariko tube tukoroheje tube tukoroheje tubavugire ubutumwa bwanyu bwihutirwa kuko indirimbo dushobora kwongera kuyisubizamo ariko ubutumwa buba bwihutirwa. Haba hari abo bugenewe kugira ngo bihute ari abatabara, ari aba... ari abafite ibindi bintu byihutirwa Radio yacu yo ni... irihuta nyine ni ni nk'umurabyo tukaba tugira ngo tubatumikire vuba vuba kugira ngo eein.

Ako kanya ibintu byihute. Dore ishyirahamwe ATAVORWA, ishyirahamwe rero ATAVORWA riramenyesha abanyamuryango bayo, baryo nako b'iryo shyirahamwe ko umwe mu banyamuryango ba... bawo ba Atavorwa witwaga Froduald bakunze kwita PDG yitabye Imana uyu munsi itariki icyenda none aha mu gitondo mu bitaro bya Kigali. Ni none aha rwose aka kanya. Abanyamuryango bose rero ba Atavorwa basabwe kuza kumuherekeza uyu munsi saa munani. Abanyamuryango bashyizeho umukono kuri iri tangazo ni NSABIMANA Alphonse, MBAYIHA Jean-Bosco, NTIVUGURUZWA Aloyizi ndabavuze kuko ushobora kumvamo inshuti yawe ukumva ugomba kuyitabara.

Eee mu kanya rero turabasubiriramo iri tangazo ry'ishyirahamwe Atavorwa rimenyesha abanyamuryango bayo ko, baryo nako ko umwe mu banyamuryango Froduwalidi bitaga PDG yitabye Imana none aha mu bitaro by'i Kigali. Abanyamuryango bose basabwe kuza kumuherekeza uyu munsi saa munani. Mwihute rero mutabare uwo muvandimwe.

....................12.2.

Irindi tangazo, irindi tangazo ni itangazo rya cyamunara. Umuhesha w'inkiko mu rukiko rw'ubujurire rwa Kigali aramenyesha abantu bose ko kubera irangizwa ry'urubanza RC17.087/91RCA10.570/Kigali RCA10.11092 Kigali, urwo rubanza rukaba rwaraciriwe mu rukiko rw'ubujurire rwa Kigali kandi rukaba rwarabaye itegeko, RWAMURANGWA Sylvestre akaba yaratsindiwe kwishyura MUSENGIMANA Evariste indishyi n'amagarama y'urukiko ko azagurisha inzu ya RWAMURANGWA Sylvestre iri i Gikondo Perefegitura y'umujyi wa Kigali komini Kicukiro. Iyo nzu ifite ifishe nimero 603/ 03/ 09. Iyo nzu ifite n'icyemezo cya Burugumesitire wa komini Kicukiro cyemeza ko inzu ari iya RWAMURANGWA Sylvestre cyo kuwa 23/01 nako/1993. Icyo cyamunara kizaba kuri cumi na kabiri z'ukwa cumi na kabiri ku cyumweru saa yine za mu gitondo. Icyitonderwa amafaranga atandatu ku ijana (6%) yinjira mu isanduku ya Leta azakurwaho ako kanya inzu imaze kugurwa yinjire mu isanduku ya Leta. Bikorewe i Kigali ku itariki ya kabiri z'ukwa cumi na kabiri mirongo cyenda na gatatu. Umuhesha w'inkiko mu rukiko rwa Kigali KAYIRANGA Alphonse.

Huum tuvuze KAYIRANGA Alphonse nibuka KAYIRANGA, KAYIRANGA rero Président

watowe na congrès idasanzwe ya PL akaba Perezida wa PL agonganye na MUGENZI Yusitini uyu munsi ngo muri Hôtel des Diplomates aravuga... aratanga ikiganiro mbirwaruhame muri Hôtel des diplomates saa kumi n'imwe. Ee Perezida rero wa PL washyizweho na congrès y'ubushyize ngo araza kugira icyo abwira abanyamakuru dore ko na MUGENZI Yusitini nawe ubu ngubu arimo ahatana ngo akore congrès nawe ye none nawe yongere imutore, PL rero ibi igize aba Perezida babiri. Hanyuma PL Mputu na PL Ntutsi ntawuzi uko bizagenda. Yewe hari abavuga bati na FPR reka igere mu Rwanda hanyuma haze FPR Mputu, FPR Ntutsi noneho amaherezo, amaherezo ikibazo cyo mu Rwanda uretse ko ari nako bimeze n'uko abantu babyirengangiza kizabe gusa icy'Abahutu n'Abatutsi ibindi by'amashyaka ubundi babyihorere. Eeee nguko rero uko ibintu bimeze KAYIRANGA Karoli eee... ngo arakoresha ikiganiro mbwirwaruhame muri Hôtel des Diplomates. Ubwo abafite akanya baranyaruka bajye kureba icyo PL Ntutsi ivuga kuri PL Mputu, hanyuma n'uko rwambikane. Hein! Abanyapolitike politiki ibageze kure ni abo gusabirwa. Twebwe turi abanyamakuru rero turiyanimira, tu... twikorera animation ntibazajye batwiha tuzaja tubaha amenyo ni batatwiha kandi tubihorere basugire basagambe. Mu gitondo hari uwambwiye ati yaaa ati KANTANO ati rwose Madame UWILINGIYIMANA Agata ati rwose wamurayeho ijoro ryose umumereye nabi umuvugaho ibintu byinshi ati rwose ati wabaye ute?

........................16.1.

Erega ni agatangaza ntabwo ari jye, ntabwo ari jye. None se ko yari yanditse ibintu bigasohoka mu kinyamakuru... Icyo gihe rero nashoboraga kubona umwanya nkabyivugira uko nshatse. Ntabwo ari ukuvuga uko nshatse, ariko nkavuga aho ukuri kugaragara. None se umuntu aravuga ati ni muntabare bagiye kunyica. Hein. Nkavuga nti umenya hari ibyateye Abaministres bacu b'intebe iyo iminsi yabo iri hafi kurangira cyangwa se bakavaho baranyaruka bagahunga bati bari batwishe. Noneho bakazagaruka isoni zarashyize. None se ko ubu NSENGIYAREMYE Dismas yagiye avuga ngo barashaka kumwica none se abashakaga kumwica se yasanze ibyo bari kumwicisha byagiye? Yasanze se barapfuye? Ubu se ko ntawuramwica? Hein? Ni igitangaza. Undi nawe ati bagiye kunyica baramwica se baramwicira iki? Ibyo ari byo byose niba hari n'abashaka kumwica ntabwo ari abo akeka... Ahubwo hari abo abeshyera. Kuko abashaka yenda kumwica, nabwo ni uko atavuga

uko bashaka kumwica abashaka kumwica politiquement. Kuko umuntu ashobora gupfa uburyo bubiri abashaka kumukura muri politique bashaka kumwica "politiquement" ni abo basangiye ishyaka. Abashaka kumwica se bandi baba bava hehe? Ntibakajye rero abantu babeshya amahanga ngo basakuze ngo ni uko ba... bafite aho bavugira ibyo ngibyo ni byo tuzajya tubabwira duti twebwe abanyamakuru tuba tugerageza kubwira abaturage duti baturage muramenye, si uko umuntu ari umunyapolitiki ko ibyo avuze biba ari ivanjiri. Umuntu ntazajya ajya hejuru y'agasongero ngo avuze induru ngo bagiye kumwica abantu koko ngo bacike umugongo ngo umuntu agiye gupfa ee... nyuma kandi niba umuntu avuze ati abantu barashaka kunyica navuge abo aribo ni ye kubakikira. Ahubwo ee... gukekeranya ngo umenya ngo umenya ari Perezida HABYARIMANA umenya ari iki eee... ngo umenya ubwo Perezida HABYARIMANA ataza mu nama ya Leta... None se niba ataza mu nama ya Leta yaziyoboye, yaziyoboye koko, akerekana ko ari "la Dame de fer" hein? None se arwaye ntiyayobora inama? Yavuga... ubwo se inama za Leta ubu zimaze gupfa ubu ari eshatu enye ni ibyerekana gusa yuko Guverinoma nta ngufu ifite. Iyo umuntu rero ananiwe cyangwa nta mbaraga ntakarebe undi abyegekaho ngo amugire akabando k'urwitwazo. Mukomeje kumva Radio RTLM ivugira i Kigali ubu ni saa tanu n'iminota makumyabiri n'ine muri studio zacu. Twiyumvire umuziki maze mukushi ishire ku mutima.

...............................18.6.

.....genga RTLM ivugira i Kigali. Ubu ni saa tanu n'iminota hafi mirongo ine muri studio zacu ee.. Maze rero RTLM abantu bafite imitwe ishyushye amaherezo izabasaza abataye imitwe bo birumvikana yuko bazayita burundu. Hari abantu rero bakunda guterefona bavuga utuntu twose bishakiye ngo uko umuntu avuze akajambo gato bakagasesengura baka... bakakanenga ni uburenganzira bwabo. Maze rero, kubera ko Radio RTLM ari radio yanyu... Nk'ubu hari umumotari unterefonye avuga ngo... ngo rwose ngo ndabashebeje ngo mvuze ko hari abarya ivandu, ngo ahari, ngo iki haaa! Ubwo se yakekaga ko nta muntu ubizi. Sinavuze abamotari bose ariko navuze ko harimo abamotari barya ivandu, abo bo barazwi rwose barazwi n'ubu nagenda nkamubereka. Kuvuga rero noneho ngo Abanyamakuru ngo nibo barya ivandu ngo ntabwo ari abamotari ibyo ni uguterana amagambo yenda hari abanyamakuru barya ivandu ibyo ibyo ni utugeso twa buri muntu.

Ariko rero navuze nti bamwe mu ba motari ari abashyira abantu ku mapikipiki bakabagemurira amabandi ahantu bakijijisha ngo yoo ngo baraduteze we ngo ooo... sinari mbizi, kandi babayobeje ku bushake, kuko babakuye ku kabari basinze... Ari abajyana indaya zivuye mu tubari zikererewe bakajya kuzirya ivandu hariya kuri tapis rouge abo bose ndabamenyesha ko ari ingeso mbi. Ni ingeso mbi bazihane. Ni kimwe n'abo ba Porofeseri barwana n'abanyeshuri. Ndabizi mu mashuri, n'amashuri ahubwo mato, harimo abana babaye ibyigomeke b'ibiharárumbo... Ariko rero iyo umunyeshuri, iyo umuprofeseri yatangiye kurwana nabo, bashobora kumukomeretsa. Ibaze umuprofeseri umwarimu amukuye amenyo amuteye nk'umutwe akamukura amenyo akagira n'ibihanga uwo baseka cyane ntabwo ari umunyeshuri baseka mwarimu eee.. Ndakeka rero yuko uyu mugabo witwa... uyu mwarimu witwa NIY... NIYITEGEKA Victor ee.. n'uwo Muzayirwa witwa PALUKU ndetse n'uriya witwa KAZINDU bigisha muri ETM, Ecole Technique Muhazi, ndakeka yuko bakwiye kwitonda yenda bagakura abanyeshuri amanota ariko ntibarwane, ntibarwane nabo. Warwana se n'umunyeshuri yakumena ijisho nyuma ukazavuga ngo iki? Hein? NIYITEGEKA Victor ndabeshya ra? Niba wumva RTLM, kurwana n'abanyeshuri bo muri ETM Ecole Technique Muhazi ntabwo ari byiza umuntu yabakuraho conduite. Nyuma rero noneho kurwanira yuko umuntu afite eee... umuntu bamubonaho akantu k'ishyaka, kuko abo banyeshuri barakuze, umwana wiga secondaire aba afite uburenganzira bwo guhitamo ishyaka, guhita rero umubonana akantu k'ishyaka cyangwa ngo umubonanye agafoto ka NDADAYE ee.. Wakurikiza nawe ibitekerezo byawe bikuri mu mutwe ugahekenya amenyo ukamutera urushyi ngo ni uko umutegeka ibyo nabyo bishobora guteza amahane atoroshye kuko umwana wiga muri secondaire aba afite ibitekerezo bye, aba afite uburenganzira bwe nawe uba ufite ubwawe mushobora kugongana rero ushaka kumwima uburenganzira bwe.

...........................22.1.

Muri UTEXRWA arimo arambaza ati bite KANTANO ko ukunda sport ee... rwose tubwire neza ntacyo utubwira ntunatubwira uti ko Rayon Sport izakina na Etincelles ku cyumweru abashaka, abashaka gukora irushanwa ry'uko bazatsindana nibaterefone hano. Maze rero wakoze Eric ukora muri UTEXRWA n'abakozi bose bo muri UTEXRWA ndabashuhuje ni inshuti za RTLM ndabizi

maze rero nibyo koko RTLM izajya ibagezaho ama... n'amakuru ya sport turacyashaka uburyo tuzajya tubibategurira ariko mu minsi iri imbere tuzajya tubagezaho n'amakuru ya sport ashyushye. Ibyo rwose nibyo twiyemeje, birumvikana yuko radio yacu irimo abajene irimo abantu bakunda sport bakunda kwidagadura kandi ni radio urebye muri rusange yo kwidagadura. Nta mpamvu rero twabuza rwose iyo myidagaduro Eric rero wakoze kunyibutsa nzajya ngerageza nyuma kandi abashaka guterefona batubwira uko Rayon Sport izatsinda koko na Etincelles bashobora kubitubwira. Abareba imipira cyane baba bazi uko bakinyi bamera iki byose ariko rero birahinduka. Nyuma ejo numvise batumiza n'abasifuzi umenya ari ukubaha za remarques basifuzi rero mwi... mwigira mwigayisha umupira wacu. Nibyo nabo koko bakwiye kwikubita agashyi ukoma urusyo akoma n'ingasire. Abakinnyi bacu nabo bakwiye kujya bubaha abaje kubareba ntusuzugure abantu ngo uve mu kibuga wiruka wirukankira ugende wumvise ucitse intege cyangwa ufashwe n'imbwa cyangwa se wumva utagifite akabaraga nuko ngo uvemo wirukanka abantu batanze amafaranga yabo banyagiwe baje bihuta ngo baje kwogeza cyangwa se. Hariho n'ababa bagukunda ngo baje kukwogeza uba uteye agahinda. Ni uko ngo uvuye mu kibuga kandi hari amategeko ushobora kujurira ugashobora kugira gute nyuma kandi ukamenya ko ushobora gutsinda nk'uko ushobora gutsindwa. Mu buzima ubuzima ntabwo bukozwe na réussite gusa habamo na za échecs. Uko umuntu yeshuwe siko yajya yiyahura. Abacyumva igifaransa ndashaka kuvuga yuko, mu buzima ibintu byose umuntu ndabishika. Hari ibyo ageraho n'ibyo atsindwaho.

.......................24.3.

Mu mupira ho ni n'ibindi bindi kuko harimo za tombola nyinshi. Ujya ubona abantu bagera imbere y'izamu ntihashobora kugira uwinjiza igitego, ujya ubona utera atabishaka kikinjira... Mbese ibintu byose birimo tombora abantu rwose ntibari bakwiye kubipfa, umukino ni umukino nyuma kandi. Na none hakazira abantu bazana mu mikino ibintu by'amashyaka ibintu by'uturere ein...kuko biragayitse kumwa umuntu avuga ngo équipe yenda Rayon Sport ni... ni iya FPR cyangwa se ni iya MDR, cyangwa se ngo équipe étincelles ngo ni iya MRND cyangwa ngo ni CDR. Kera ndabyibuka bigikaze, bigikaze iby'amashyaka imitwe yarashyushye mbese Inkotanyi zarayishyuhije waragendaga ndibuka abakinnyi bo muri étincelles bigeze gukina umupira abantu bagakomera ngo

CDR kandi yenda ubwo ari muri FPR cyangwa ari muri PL ibyo byo gukubita umupira akawuhusha akitura hasi kubera gusa ko abantu bose bakomereye ngo CDR, CDR, ugasanga ni nk'ikintu cy'igisebo ugasanga umuntu rwose w'umusore wa...ushobora gukina umupira agashimisha abantu, abantu bamuciye intege, ugasanga ibiki ee! Umukino ni umukino! Nyuma kandi aho umuntu yava akarere yavamo kose, yakina ukanezerwa. Ba Bakari se ntibadushimishije, ba Pele se? Ba nde yande ein! Amashyaka se ahuriye he n'umukino. Mu mashyaka, hein..abari mu ishyaka MDR bo barabibonye umukino umara iminota mirongo cyenda. Ushobora kureba umupira iminota mirongo icyenda wishimye ariko mu mashyaka, sinzi yuko ushobora kumara umunsi wishimye ntibishoboka. Biba bihinduka. Politiki rero si umukino, umukino si politiki. Tujye tumenya kubitandukanya nyuma kandi amakipe akarere iba ivamo kose si ngombwa yuko iba iri iyirya shyaka cyangwa se niba Perezida w'ishyaka aba mu Kiyovu rero ngo ni Interahamwe ngo ni MRND ngo... ngo ni uko Perezida wayo ari RENZAHO oya da! Ibyo ntaho bihuriye abakinnyi barigenga bafite uburenganzira bwo kujya mu mashyaka bashaka ntiwafatira FPR, PL ni iki byose ngo uteranye ngo uvuge ngo ubonye MDR non! Ntabwo bishoboka. Mukomeje kumva Radio yigenga RTLM ubu ni saa....saa sita zirabura iminota cumi n'ibiri. Mu kanya rero, mu minota cumi n'ibiri... ibyo ari byo byose turaba tuganira ibindi bintu ariko rero saa sita ziraba zigeze abantu bihutire kujya mu ma restaurants. Ama restaurants ajye aza rwose tuyarangishe, tuyarangire abantu. Hari abo twagiye dukorera publicité noneho bakaza bati RTLM muturangishirize restaurant yacu iri ahantu rwose hatagaragara none abantu bayimenye.

....................................27.1.

Abantu bayimenya bajyayo bakaza bavuza induru bati RTLM ya restaurant mwatubwiye vraiment ntabwo bigenda twagezeyo tubura uduha ikiyiko tubura uduha isupu tubura iki, tumara, mu... tumara ibitoki ntawurazana ibishyimbo, tumara ibishyimbo ntawa.... bon. Ugasanga rero niba abantu bakoresha publicité bajye bitegura ko rwose baba ntamakemwa. Huum! Sibyo? Niba umuntu akubwiye ati muze mu minota itanu muraba mubonye icyo kurya eee.. Babe bakibonye bafungure batahe. Eee hanyuma rero muri ayo ma restaurants yaje kutu... kuturangishaho ni restaurant yitwa "normal", restaurant normal rero iri hafi cy'ikigo cya Electrogaz aho mu kanya bari bateye amahane

ngo bahabonye grenade eshatu. Nibyo koko izo grenade zahabonetse ariko bazihakuye zagiye ntazihasigaye. Muri restaurant normal rero ubu nizere ko biteguye aba clients baza kurya mu kanya kanyuma muri restaurant rero nayo yitwa "Pizza" iri hafi y'isangano naho nizere yuko Pizza ihari n'ikigage ku buryo nta muntu ubura icyo yifuza, kandi abarya, abarya aho hose muryoherwe. Ayo ma restaurants yose ni uko yaje kuduha icyashara cya publicité n'andi yose azaze hanyuma bajye badutumira turyeyo twumve ko biryoshye. (Arasetse)

Twumve umuziki.

............ RTLM ivugira i Kigali Radio yanyu rero ni ubutumwa bwa vuba vuba bwihuta kubera ko Radio yanyu murayituma ikabatumikira kandi vuba. Ibyo nabyo biri mu bintu radio ikundirwa. Abanyamakuru rero, abanyamakuru n'abandi bantu bose mukunda ibiganiro mbwirwaruhame mukunda gukurikira ibintu bya politiki kugira ngo politiki itazabasiga... Uyu munsi uyu munsi comité yatowe na congrès y'igihugu yo kuwa cumi na gatatu n'uwa cumi na kane ugushyingo mirongo icyenda na gatatu y'ishyaka PL irakoresha conférence de presse i saa kumi n'imwe n'igice muri Hôtel des Diplomates. Muze rero muri benshi nyine mwumve abagize iyo comité yatowe na congrès y'igihugu yo ku wa cumi na gatatu n'uwa cumi na... n'iya cumi na kane ugushyingo ya PL. Muze mwumve icyo ibagezaho ku bibazo biriho muri iki gihe ni ibiriho mu ishyaka PL. Iri tangazo rero riri no mu gifaransa bien sûr. Ndabona ryasinyweho na KAMEYA Andereya umunyamabanga Secrétaire Général w'ishyaka PL nawe watowe n'iyo congrès y'Igihugu y'ishyaka PL yabereye muri...muri Hôtel Méridien..............(coupure).

***FIN DE LA FACE A.***

***FACE B.***

Orateur : KANTANO.

...... irashaka icyo mu nkono uhum. Nta kundi twabigenza rero mu minota mike turaba dufunze radio yacu, radio mukunda mwe kugira irungu. Saa kumi n'ebyiri turongera dufungure maze rero hinga ndangirize kuri ubu butumwa bwihuta, bwihuta.

Ikomite (comité) yatowe na congrès y'igihugu y'ishyaka PL (Parti Libéral), iyo ko...komite rero yatowe n'iyo congrès y'igihugu yabaye itariki cumi n'eshatu n'iya cumi na kane ugushyingo mirongo icyenda na gatatu irakoresha conférence de presse uyu munsi i saa kumi n'imwe n'igice

kuri Hôtel des Diplomates. Muze muri benshi rero mwumve ndakeka ko badusobanurira byinshi ku macakubiri ari muri ee... ari mu ishyaka PL. Mwumvise ko na MUGENZI nawe arimo ashaka gukoresha indi congrès eee hanyuma rero hakaba hari ibyo bakunze kwita PL Mputu na PL Ntutsi... Hazatsinda se PL Mputu hazatsinda PL Ntutsi ? Bizakomeza se bigundagurane se bigeze ryari? Abadepite bazava se muyihe PL? He yemwe ibyateye mu mashyaka ni agatangaza. Ubu rero baragenda badusobanurira muze mubabaze ibibazo byinshi mubahate ibibazo hanyuma noneho badusobanurire. Ni Komite yatowe na congrès y'igihugu ya PL yo ku wa cumi na gatatu no kuwa cumi na kane ugushyingo ikoresha conférence de presse uyu munsi isaa kumi n'imwe n'igice muri Hôtel des Diplomates. Muze muri benshi.

Le comité exécutif du Parti Libéral donne une conférence de presse aujourd'hui le neuf à dix sept heures trente à l'Hôtel des diplomates. Signé KAMEYA André, Secrétaire Général du PL.

KAMEYA Andereya rero ni we watowe icyo gihe muri iyo congrès, hanyuma batora KAYIRANGA Charles aba Président wa PL mu mwanya wa MUGENZI ariko rero MUGENZI nawe ntiyavuye ku izima. Mbese ubwo turaza kubisobanukirwa muri Hôtel des Diplomates, saa kumi n'imwe n'igice aho congrès, komite iyobowe na KAYIRANGA iza kutugezaho ibintu bimwe na bimwe mu bitekerezo byayo. Maze rero mwiriwe abafite icyo murya muryoherwe abizirika umukanda namwe mugerageze kuwizirika. Ibihe birakomeye nta kundi byagenda. Hari abarya rimwe ku munsi hari abarya kabiri hari ababimena babisaguye baka... Cyakora abana barabitoragura muri biriya bigunguru ku muhanda ariko rero mwese mwihangane gusa muryame, umutima mwiza. Burya umize n'umuneke ukawurenza ku mutima mwiza ubundi ukarenzaho umuyaga n'umwuka burya waramuka. Icya ngombwa ni ukumva bikugeze ku mutima. Mwiriweho rero, mwari kumwe na HABIMANA Kantano nwari kumwe na technicien wacu KAMANZI.

......................................4.0.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

RTLM Radio yanyu, Radio yigenga twabahase umuzika muri iki gitondo ariko si ukuvuga ko nawo ubagwa nabi. Ubu rero tukaba turimo kubashakira amakuru, inkuru twababwira ikomeye ni uko

tumaze kumenya ko hari imishyikirano igomba kuba uyu munsi hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na FPR tukaba rero twoherejeyo abanyamakuru bacu KANTANO na Philippe MBIRIZI ubwo turaza kubabwira uko bimeze. GAHIGI Gaspard rero akaba ari jye uri hano ariko nanjye nkaba ngiye kubashakira amakuru muri uyu mwanya. Ubwo rero mukomeze mwumva umuzika. Ariko turabonana mu mwanya muto mvuye gushaka ayo makuru. Mukomeze rero mwumve umuzika, nkaba nizeye umu technicien wacu w'umujene akomeze abashakire umuzika mwiza njye turabonana mu mwanya.

(Musique 1sec)

........... kuganira n'Inkotanyi, maze kuganira n'Inkotanyi yavuye mu Nkotanyi yizanye ubwayo ubwo tugiranye ikiganiro cy'isaha nzima ndagira ngo mukurikire mwumve ko ikibazo cy'Inkotanyi gikomeye mwumve aho zigeze, mwumve cyane cyane urubyiruko runyumva, bumve ikibajyana mu Nkotanyi bumve urubateze nkagira ngo mwumve icyo kiganiro ngiranye n'Inkotanyi muri uyu mwanya.

Nshuti mwumva RTLM ubu ndi hamwe n'Inkotanyi NIYIBIZI Emmanuel umusore mugufi wirabura ufite toni y'Inkotanyi wambaye botte akaba ari umusore ufite imyaka makumyabiri n'irindwi ukomoka muri komini Mugusa i Butare. Uwo NIYIBIZI Emmanuel akaba ari Umuhutu, akaba yarishyize mu maboko y'ingabo z'u Rwanda tariki makumyabiri n'ebyiri Ugushyingo. Nkagira ngo rero nganire na NIYIBIZI Emmanuel uri mu Nkotanyi, wishyize mu maboko y'ingabo z'u Rwanda tariki makumyabiri n'ebyiri Ugushyingo. Noneho NIYIBIZI Emmanuel nkagira ngo tuganire umbwire ukuntu wishyize mu maboko y'ingabo z'u Rwanda, wabitewe n'iki?

......................................6.0.

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Njye icyanteye kwishyira mu maboko y'ingabo z'u Rwanda icyo gihe byari ibintu bikomeye cyane. Ba... ba..., mbega bicaga abantu, bicaga Abahutu bavuga ko bava mu mapozisiyo ( position) y'Inkotanyi bakajya muri pozisiyo z'ingabo z'u Rwanda kuvuga ibyo Inkotanyi zikora kandi icyo gihe njye nararebaga nkabona ni ukubeshya ni ukubeshyera abo bantu bicwaga. Ni uko rero ubwo, ahantu muri ntuze.. hariya muri komine, muri komine komine Kibari muri segiteri Nyankenke njye

niho naturutse muri pozisiyo y'Inkotanyi mbega nza muri pozisiyo y'ingabo z'u Rwanda. Ariko ubwo icyabiteye mu minsi ishyize hariya (arakoroye) muri ntuze hariya mu Miyove higeze kuba ibintu by'amarorerwa biteye ubwoba mu Nkotanyi. Abana babiri b'Abahutu bari bagiye gukaraba ahantu hepfo, inyuma ya pozisiyo y'Inkotanyi bagenda ari... ari ku mugoroba ariko butarira neza ari nko mu ma saa munani. Baza kugaruka, bagarutse barababaza ngo bari bagiye hehe abana bisobanura ko bari bagiye kwoga. Ariko ubwo ntabwo, Inkotanyi ntabwo zababajije ntabwo zabyemeye. Zavuze ko bari bagiye muri pozisiyo, muri pozisiyo y'ingabo z'u Rwanda kuvuga umubare w'Inkotanyi uri aho ngaho mu Miyove n'imyobo ngo Inkotanyi zibamo imibare yayo n'ibindi byose bakora, n'ibindi byose mbega Inkotanyi zikora. N'uko rero ubwo ukuntu byagenze abana barababafashe. Ntabwo batumye bisobanura neza bahita babafungira imigozi inyuma bahita babafungira amaboko inyuma n'imigozi ikomeye cyane.

N'uko ubundi barabamanura hepfo gatoya ahantu mu myobo yari icukuye mishyashya babakubita amafuni ubwo bahise babahamba aho ng'aho. Ubwo ntibyatinze hashyize nk'icyumweru kimwe ariko ubwo aho ni mu Miyove aho twari turi natwe hepfo y'i Miyove hepfo kure cyane ariko hari nka metero magana atanu cyangwa se magana atandatu mu yindi inite itari iyo ng'iyo yo mu Miyove. Twebwe twari..twari hepfo inite yacu yari hepfo y'iyo ng'iyo kuri metero magana atanu cyangwa se magana atandatu. Na none haza kubura umwana, umwana abura mu gihe cya saa kumi hafi n'imwe za ni mugoroba. Abuze, ariko ntabwo yari abuze agiye kure cyane yari amanutse gatoya ku muturage ngo agiye kumwaka itabi yari yamubwiye kuko icyo gihe mbega hagati, inyuma yacu inyuma ya pozisiyo y'ingabo y'Inkotanyi n'imbere ya pozisiyo y'Inkotanyi hari abaturage bari muri zone tempo n'abari inyuma yazo. Ubwo rero nyine abaturage twabanyuragaho tugiye kuvoma cyangwa se tukabanyuraho tugiye nko kuzana ibyo kurya gutyo tukavugana. Baba bafite itabi wamusaba akaguha noneho ubwo uwo mwana we rero bavuganye n'uwo mugabo ko agomba kugaruka akaritora iryo itabi yari amwatse.

.........................................9.6.

Ni uko ubundi umwana agejeje, a...agejeje ni mugoroba asubirayo kuritora. Agarutse baramubaza ngo: "wari wagiye he", nta gihe kinini yari amaze yari amaze nk'umwanya w'isaha imwe gusa.

K0151711



Agarutse baramubaza ngo yara.. ngo :"wari wagiye he", umwana rero aravuga ati:"njyewe nari nagiye hariya hepfo hari umuturage wari wambwiye itabi niryo nari ngiye gutora". Bati:"reka sha, bati urabeshya rwose, ati mwebwe twarabamenye ati ariko kuki mwebwe Abahutu tubizera mwebwe mukanga mukaduhemukira ati ubwo ni wowe wa mbere se cyangwa ni wowe wa nyuma tumaze gu... tumaze gufata?

Ati ahubwo ibyanyu rwose ntabwo twabishobora ntitwamenya ibyo ari byo ati kuko mwebwe muranze muratunaniye." None rero ubwo noneho ubwo ngubwo baramwihoreye tugira ngo barabiretse. Hanyuma ubwo ngubwo mbega bigejeje burira bigejeje nko mu ma saa cyenda za nijoro umwana tugiye kwumva twumva baraje baramufashe twararaga mu ihema rimwe. Ni uko....

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Ubwo mwararaga mi ihema rimwe ugomba kuba uzi izina rye. Yitwaga nde?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Uwo mwana, uwo mwana ubundi yitwa ntuze izina rye sinabashije kumenya neza kuko bagiye baducangacanga. Bagiye baducangacanga, ariko nzi komini ye, nkaba...nka...nkaba nzi n'izina rye ry'irikirisitu.

Orateur: GAHIGI Gaspard.

Ye avuka muyihe komini yitwa nde izina ry'irikirisitu ?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Ubundi avuka muri komini Muyira akaba yitwa...izina rye ko numva ngiye kuryibagirwa kandi nari ndizi?

........................................11.3.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Eee ntacyo ubwo uraza kuryibuka ariko ngaho tubwire uko bamujyanye rero muri iryo joro.

K0151712



Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Yee.. ubwo umwana baramutwaye, baragenda baramubaza ngo: "niko ngo ni mugoroba wari wagiye hehe". Ubwo umwana aravuga ati: "jyewe uko nabasobanuriye niko bimeze nta handi nari nagiye nari nagiye kureba itabi umuturage yambwiye."Ubwo we umwana yaragize, yatangiye kwisobanura neza baravuga ngo "reka sha ngo urabeshya, ngo ntabwo uzi ibyabaye mu Miyove ejo bundi?" Umwana ati:"ndabizi ati ariko njye si uko byari bimeze". Ni uko ubwo ntabwo batumye yisobanura neza uwo mwana baramufashe bamufungira amaboko inyuma ubwo bahita bamukubita ifuni. Ubwo mu bamwishe....

Orateur : GAHIGI Gaspard

............ kuvuga ifuni bayimukubita ahagana he iyo funi? Iyo funi iba imeze ite? Ingana ite? Bayimukubita amagana he?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Ifuni, ubundi ifuni ni ifuni ntoya mbega muri ariya mafuni atangiye gushira izo funi barazigendana ziba zifite ama... imihini migufi bakunda kuzigendana cyane ntabwo bajya bazita mbega barapima bakayimukubita hano mu gitwariro cya... cy'umutwe aho ubwonko mbega butereye niho bakubita. Ubwo rero nyine iyo bakubisemo ifuni umuntu ahita apfa nta kuvuga ngo yenda ngo ngo naho byagenda gute yakira, ntibishoboka! Arapfa byanze bikunze. Kandi ntabwo bakubita rimwe bakubita kabiri cyangwa se bagakubita na gatatu. Ubwo rero bamukubise ifuni, bamaze kumukubita ifuni hazamuka umu sergent umwe mu bamaze kumwica araza asanga twi... mbega nicaye imbere y'ihema turi.. ndimo twumva uko bimeze hanyuma ubwo ngubwo, umwana ubwo yapfuye umu sergent arazamuka araza ansanga aho ng'aho imbere y'ihema. Aravuga ngo: "niko sha," nti :"ii" ngo ibyo uriya muhungu azize ntacyo ubiziho?" Nti: "njye nta kintu mbiziho kuko uriya mwana twabanaga mu ihema kandi ni umusirikare mugenzi wanjye ariko nti ntabwo porogaramu ze sinzizi aho yari yagiye ntabwo yahambwiye".

..........................................13.5.

Ngo: "reka sha ngo urabizi rwose ngo urabizi ngo kuko murabana ngo mwabanaga" ngo "kandi muturuka mu Rwanda mwese". Noneho ndavuga nti: "erega nti duturuka mu Rwanda twese nti ariko nti ntabwo umuntu yazira ikintu atazi". Ngo "reka sha" ngo "wowe ngo urabizi neza" ngo kuba ubizi neza byose ngo nawe tuzi ko ubikora ngo aho muca ngo baratubwira ngo abaturage ngo dufite abaturage batubwira ibyo... aho muca, aho muca mujya mu nga.... mujya muri pozisiyo ya bene wanyu ingabo z'u Rwanda. Ndavuga nti: "icyakora ibyo ari byo byose nti njyewe, nti nta kintu ibyo mbiziho, nta naho njya njya nti muzancunge ni mwabona hari aho njya muzanyice".
Ngo: " ni wowe usigariye ngo ahubwo witonde ngo tuzagucungisha amaso yose dufite n'imbaraga zose ngo hanyuma nitwamara kugufata nibyo. Kandi ngo ni iminsi mike tukagufata kuko, wowe nawe tubikuziho ko ibyo ngibyo nawe ubikora ahubwo ni uko tutaragufata. Ni uko ati igihe cyose buri gihe ntabwo uba uri hano niyo uri mu kazi ntabwo ukunda kuboneka buri kanya aho ku kazi".

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Ee..mugenzi wawe amaze gupfa bakubwiye gutyo wumva ubwoba buragutashye?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.
Mugenzi wanjye amaze gupfa ubwo bambwiye gutyo bitewe n'ibindi nagiye mbona byinshi numva ubwoba buranyishe. Ubwo noneho njyewe ndareba nti ese ubu ngubu ko hamaze gupfa abantu bangahe bose ndeba ubwo ko hamaze gupfa abantu ubwo yari uwa... uwo yari uwa kane. Uwo yari uwa kane hari n'uwundi bari barishe. Ko hamaze gupfa abantu bane bose ndeba ubu ng'ubu njye ntegereje iki? Njyewe nanjye ubu ng'ubu ni ugupfa byanze bikunze. Ubwo rero ukuntu byagenze: njyewe nafashe mbega naratekereje nti ese mbigenze nte? Ni nguma aha ngaha sinzabura na gatoya nkosa baka... nanjye bakanyica. Noneho ubwo ng'ubwo nafashe imbunda yanjye narabanje ndambara maze kwambara neza mfata imbuda yanjye maze gufata imbunda, mfata na grenade ubwo sinzi ukuntu namanutse gatoya nshakisha ukuntu na... na... nagenda, natoroka ubwo ngize amahirwe ngana gutya ku musarani mbona ntibandeba ubwo mpita manuka ndagenda mbega nca ahantu ngera ha...hejuru y'ahantu bita mu centre bita mu Cyicumi.

.........................................16.2.

Ubwo ndahagarara kuko nari nzi neza ko aho mu muhanda wa Cyicumi hejuru y'icyayi ko nani... ntuze... patrouille yabo ariho mbega ikunze kuba iri cyane. Ndavuga nti hari igihe nabituramo ntamenye aho bari reka mbanze ndeke hacye neza ubundi patrouille ive mu nzira nigendere. Ubwo narabanjije ndareka haracya nko mu ma saa kumi n'ebyiri bukeye neza ndamanuka.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Ubwo wacitse ari ninjoro nyine?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.
Nacitse butaracya neza ariko habona ku buryo mbega umuntu yabona umuntu akamenya uwo ari we. Niyo yamubona nko muri metero ijana akamenya uwo ari we. Ubwo ngubwo njyewe ubwo narigendeye nta muntu nigeze mbwira kuko bari bamaze kungisha inama kandi nanjye nabonaga buriya ngo: "ijisho rigukunze ntabwo..... ijisho rikwanze nturiyoberwa". Nanjye muri icyo gihe nabonaga bandeba nabi batandeba neza mbega badukeka. Icyo gihe ariko ubwo twari hafi y'ingabo z'u Rwanda neza neza bitari... bitari kure cyane. Bitari kure cyane ku buryo nta kilo... mbega nta kilometero yari ihari.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Wari warazibonye se ute aho zari ziri?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.
Ukuntu bimeze, byari bimeze mbega twebwe twari hejuru ku musozi noneho bo bari mu gace ko mu mujyi i Byumba ariko hari bari baje ba..mbega ba... bashinga amahema hafi ni ku musozi ari na wo nahingukiyeko icyo gihe. Ubwo rero njyewe nyine impamvu bavug.... mbega impamvu bavugaga ko mbega aba.. abantu baba... abasirikare b'Inkotanyi baba bajyayo kubivuga ni uko Inkotanyi zabonaga icyo gihe ari hafi. Ubundi tukiri epfo za muri za...Kiyombe ntacyo babivugagaho kuko

babonaga ko nta musirikare ugomba kugenda ngo aba PM babo be kumufata kuko bafite aba PM Inkotanyi zifite aba PM zishyira imbere noneho umusirikare yaba acaracara nta.... nta bya ngombwa bamuhaye byo guca... byo kugenda aho hantu bakamufata. Ubwo rero aba PM iyo bamaze kumufata baramufunga ubwo bakazajya mu ma inite babaririza umusirikare yaba yarabuze mbega un......... ............................................18.5.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Ariko reka dukomeze urugendo wari ukoze. Watubwiye ko wari ugeze ku ga centre ugana kuri position y'ingabo z'u Rwanda. Tubwire uko wazihingutseho noneho.

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Ubwo mbega nara.... nara mbega nageze aho ku ga centre mbaza abaturage nti ese, nti nta Nkotanyi abasirikare b'Inkotanyi bari hafi aha? Bati:"oya bati bagiye mu gitondo". Ubwo nahise manuka mbega nambuka akagezi mpita nzamuka ubwo rero nageze, nageze ahantu abaturage bari ubwo umusozi uba urankingirije mba sinkihabona neza aho pozisiyo y'Ingabo z'u Rwanda ziri iri mbega nahaboneraga ari nahabonaga, hakurya. Si... ariko sinkamenye ko hari inzira iri hafi aho igerayo. Noneho ndabaza nti: "ese nti mwa baturage mwe nta... nti mwandangira aho abasirikare bari b'u Rwanda?"

Abaturage ntabwo ntabwo... nta kindi bambwiye barambajije bati "ese bo barambajije bati urabababaza uvuye hehe?" Ubwo abo baturage ba hafi aho ntacyo nababwiye narabihoreye. Ubwo ndababwira nti ni mundangire gusa. Abaturage baravuga ngo:"ntabwo tuhazi" wenda... ubwo abaturage baravuga bati icyakora komeza uzamuke hariho igihe wabageraho aho haruguru. Ubwo ndazamuka banga kund... banga kunyereka inzira igerayo. Ngize amahirwe mpura n'abantu bahetse, abantu bahetse nda... baratambuka noneho batambutse tuza guhura ti... inyuma yabo hakaba hari umusaza ndamubaza nti

nti ese muzehe bite? Ati ni byiza ati abasirikare nti abasirikare aho bakambitse ni amagana he? Ati ni hano haruguru, ati ni hano haruguru rwose ati ntwabwo ari kure cyane nti iii.

Ubwo ngubwo narakomeje turazamukana n'uwo musaza tuza no gushyikira ba bandi bahetse.

..............................20.4.

Orateur: GAHIGI Gaspard.

Ubwo wari ugifite imbunda yawe na grenade?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Byose nari mbifite. Ubwo rero noneho tuhageze, a a a ntabwo twahageranye nabo ariko.

Ubwo tugeze kuri abo ngabo bahetse ndibaza nti njyewe ndacitse kandi ndi umusirikare biragaragara... Noneho abo baturage, hariho igihe nabateza ibyago tugeze ku bandi basirikare bakavuga ko aribo banyoboye hano kandi atari ngombwa. Nti njyewe nti reka nigendere bukeya, ubwo ngenda bukeya abaturage bahetse barakomeza barazamuka. Wa musaza we turazamukana kuko yagendaga buke. Noneho musobanurira ukuntu bimeze wa musaza aravuga ati maze rero mwana wanjye ati jyewe aba....ati reka nigendere bataza kuvuga ko ari njye nkuzanye nanjye ndamubwira nti izamukire ubwo mpabonye ubwo nari maze kuhabona ari imbere imbere ariko nko muri metero magana atatu, ..... ku buryo hagaragara umusozi ni umurambi umeze gutya. Noneho ubwo ngubwo ndavuga nti ibyari byo byose ubu ngubu izamukire ubwo mpabonye ndizamura.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Eee ndagira ngo twihute utugeze kuri pozisiyo uko wahageze.

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Ubwo ngubwo nyine umusaza arazamuka nanjye mugenda inyuma. Igihe ngeze nko muri metero ijana na mirongo itanu nahise mbega nkoresha ibintu bya gisirikare nshyira imbunda hejuru na grenade mbega amaboko hejuru gutya, ubwo ndakomeza ndazamuka abasirikare baranyitegereza babona ndi umusirikare babona si ndi umuturage barebye babona imbunda. Ubwo abasirikare barasohotse mu mahema baraza baravuga bati, barambaza bati wowe uri uwahe? Ndisobanura uko

bimeze mbasobanurira ko mbega ncitse Inkotanyi, mbega njyewe... nari ndi umu... ndi umusirikare w'Inkotanyi ariko nkaba nzicitse nkaba nizanye mbega nizanye nishyi..... ni...ni..nizanye mu maboko yabo. Ubwo abasirikare barambwiye bati shyira imbunda hasi. Nyishyira hasi injira imbere intambwe enye ndazihindukira bati hagarara ndahagarara. Ongera wigire imbere intambwe enye, ndongera nigira imbere intambwe enye. Barambaza bati "inimero zawe ni izihe", nti twebwe nta nimero tugira. Bon ngo komeza uzamuke ndazamuka nk'intambwe eshatu na none aa.. Nk'enye na none ndahagarara. Ubwo maze guhagarara baraza imbunda baragenda barayitora bamaze kuyitora.........

.......................................23.0.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Yari imbunda bwoko ki?

Orateur: NIYIBIZI Emmanuel.
Mbega ni imbunda, ni Kalashinikovu. Eee na grenade iriya.... twebwe

Orateur: GAHIGI Gaspard.
Yari bwoko buhe bwa grenade wari ufite?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.
Yari stick, iriya y'agati iriya y'agati iriya y'agati y'ikamba mwo imbere.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Imwe..... y'Abashinwa?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.
Eee. Ubwo ngubwo barayitora barabitora bamaze kubitora baraza baransaka barareba basanga nta

kintu mfite. Noneho ubwo ngubwo haza kuza umu adjudant umwe muri abo ngabo niwe wari uhari ubwo arambaza uko bimeze ubwo ndamusobanurira byose noneho ubwo aravuga ati wowe humura ntacyo ukibaye ati si wowe wa mbere uje ati rwose ati ahubwo iyaba byashoboka... umuntu ufite umutima wose wo kwiyizira ngo a... nabona aho aca yiyizire. Nti ewe nti erega nti abana barahari nti ahubwo ni uko bamwe babafata bakabica iyo asohotse nabi nti barabafata bakabica.

............................24.1.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Reka noneho duse n'abasubira inyuma. Aho mwari muri, mwari bangahe?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Aho twari turi aho twari turi aho Inkotanyi... tukiri iyo mu Nkotanyi?

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Yeee mu Nkotanyi nyine ujya kuzitoroka mwari bangahe?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Ubundi ukuntu bimeze, yari ibatayo yose.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Bataillon ni ukuvuga abasirikare bangahe?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Bataillon mbega bahera ku basirikare magana atandatu kuzamura kugeza ku gihumbi. Ni bataliyani. Ubwo rero ntabwo bafite ihagarariro kuko bo hari naho bagiye ari magana arindwi gutyo ntabwo navuga ngo bahagarariye ngo bahagaze ku mubare uyu n'uyu, ntabwo mbega ntabwo uko bimeze umubare wabo mbega bafati... bagarukira nko ku gihumbi, magana arindwi gutyo.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Noneho muri ako karere ko mwari murimo ndagira ngo utubwire uko izo batayo zimeze niba warashoboye kuzimenya mwari bangahe? Mumeze gute muri ako karere Inkotanyi zihagaze zite muri ako karere?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Ukuntu bimeze batayo ziri muri kuri ako kuri ako.... kuri ako karere ko mu misozi. Mu Miyove hari batayo imwe iri kumwe na Majoro BAGABO. Noneho twebwe, twebwe tukaba natwe turi ikindi gice cy'ibatayo iri inyuma kiri inyuma kure aho Majoro, aho Majoro DODO aba.

.......................................25.7.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Mwe mwari inyuma y'aho Majoro DODO rero?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Eee nabaga muri batayo ya Majoro DODO. Ubwo rero ibatayo ya Majoro DODO ikitwa "Bravo Mobailo Force": Force ni nko kuvuga force mbega eee. Noneho ubwo ngubwo rero twebwe tukaba twari intuze ikoyi imwe.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Ikoyi ni ukuvuga iki?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Hein?

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Ni compagnie, ikoyi...

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Eeee. Ikoyi imwe iyo koyi rero ikaba yari yigabanyijemo rero gatatu.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Harya ikoyi no compagnie ni abasirikare bangahe? Ndagira ngo abatwumva nabo basobanukirwe. Compagnie aba ari abasirikare bangahe?

............................................26.5.

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

I comgnanie ubundi, iba ari abasirikare ubundi hariho igihe aba ari abasirikare ijana na mirongo itanu kugeza kuri magana atatu bo ntabwo bafite ifatiro nakubwiye ko badafite ifatiro bahera ku ijana na mirongo itanu kugeza kuri magana atatu. Ubwo rero twebwe bari imbere aho ngaho twari twari iparatuni imwe aho ngaho hejuru ku musozi.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

I peleton ni abasirikare bangahe nabo?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Peleton ubundi bahera ku basirikare mirongo itanu kuzamura kugeza kuri mirongo nka mirongo irindwi gutyo, mirongo itanu na batanu kugeza kuri za mirongo irindwi. Ariko twebwe icyo gihe twari mirongo itanu na batanu. Eee ubwo rero hanyuma ukuntu byagenze... a... ongera usubiremo ukuntu wari umbajije.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Njye nari nkubajije nti mwari muhagaze mute muri izo bataillons za FPR z'Inkotanyi? Muri ako karere wari urimo nabazaga nti bari bangahe? Nti mwari muhagaze mute niho twari tugeze wari umaze kumbwira wowe ko ari eee.. muri compagnie ya Majoro DODO.

KJ151721



Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Noneho rero ubwo ngubwo batayo, iyo batayo yari kumwe na BAGABO abasirikare barimo simbashije kubamenya umubare wabo ariko twebwe batayo ya.. ya.... yari mu gace ka DODO kuko DODO niwe uhagarariye mbega niwe uhagarariye Bravo ariko Bravo ikaba ifite n'akandi gace k'abasirikare badahari ntabwo abasirikare bose ntabwo bahari, hari abagiye hari abo bajyanye bagiye ngo kwigira muri Uganda, ibyo bigaga ntabwo nabashije kubimenya. Babatwaraga umwe umwe cyangwa babiri babiri......

..........................................28.2.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Ndagira ngo twihute twe kurambira abatwumva. Ubwo wambwiye uko muhagaze. Wagiye mu Nkotanyi ryari wateye mu bihe bitero?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Njyewe igitero nateyeho ni kiriya cyo mu kwa kabiri itariki umunani z'ukwa kabiri...

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Utera amagana he?

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Mbega ubwo twari ku musozi wa Hunga hariya bakunze kwita Kabongoya twebwe ubwo twaramanutse ariko ubwo twageze i Kabongoya hejuru ku musozi tuvuye ntuze Nyagahita ku..ku ntuze ku.. kuri rwa rutindo rwa Ngoma. Niho twazamutse tugera hejuru ku Kabongoya ku musozi noneho ubwo aho Kabongoya nyine kuri uwo musozi wa Hunga niho twavuye intambara yari yatangiye tumanuka tugana dusubira Kabo... nani.... ntuze Nyagahita nyine twa...twambukiye Nyagahita dusa n'aho ba..n'aho..n'utu... n'abagana kuri kariya ga santere ka Nyagahita ubwo twebwe ntabwo twakomeje tugana mu Mutara twakase dutya dusubira mu gace ka Gihengeri. Ubwo twageze i Gihengeri twebwe twazamukiye ahantu mu Gikombe turagenda dusatira ingabo z'u

K0131722



Rwanda muri pozisiyo yazo hejuru nyine Bwisige hejuru ku musozi. Kuko twaciye ku ga santere gahari hejuru ku musozi twazamutse twazamutse ntuze Gihenge... Gihengeri aho... Twazamutse ahantu hari amabuye twikubita mu gikombe tuzamuka dusa n'abagana ku ngabo z'u Rwanda nyine kugira ngo nyine mbega turwane.

Ubwo rero nyine ingabo z'u Rwanda zaratubonye nitwe aba mbere bari bahageze ubwa mbere twari tumaze gucukura....

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Mwari nka bangahe?

..................................29.8.

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Eee twari benshi kuko twari... twari ibatayo, twari ibatayo eee.. twari ibatayo yose.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Eee wambwiye ko ari uguhera kuri magana atandatu kugeza ku gihumbi.

Orateur : NIYIBIZI Emmanuel.

Icyo gihe ubwo twari batayo, icyo gihe abasirikare bari bahari ndumva bari magana atandatu n'abandi ntabashije kumenya umubare bake bagera nko kuri za mirongo irindwi gutyo. Abo ngabo za mirongo irindwi bari abasirikare bariya twita abacancuro b'Abagande ariko basanzwemo aho ngaho kuko abaje bavuye muri Uganda bo ibatayo yaje ivuye muri Uganda icyo gihe yarwanye mu Ruhengeri ntabwo yaje muri twebwe. Ahubwo ubwo abari muri za Ruhengeri bari babazanye Abagande bari muri za Ruhengeri bari babazanye bagenda babacangacanga mu ma batayo yari ari i Byumba.

Ubwo rero abo na... nk'abo nakubwiye nyine barengagaho ku ibatayo bara aba... bari Abagande. Abo Bagande rero ni abacancuro ubwo bo..bo...bo bazahembwa intambara nirangira bazahembwa

bitahire. Noneho ubwo twarazamutse turagenda turacukura imyobo tumaze gucukura imyobo ingabo z'u Rwanda ziba zatubonye bon baraza mbega natwe turataka ingabo z'u Rwanda ee.. ziraturasa kweri kweri ziturusha imbaraga mbega ubwo turirukanka turahunga ariko ubwo mu guhunga hari ahantu twaciye...........

(coupure).

***FIN DE LA CASSETTE.***